IKIMENYETSO CY'INYAMASWA (666)

Yesu araza vuba, ITEGURE UKUZAMURWA KW'ITORERO

"Itera bose aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'abumudendezo n'abimbata gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, kugirango hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa kugurisha, keretse afite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo. Aha niho ubwenge buri: ufite ubwenge abare umubare w'iyo nyamaswa kuko ari umubare w'umuntu , kandi umubare we ni 666."

RFID

666 NI UBURYO BUKORESHWA NA GUVERINOMA Y'ISI IMWE

Muri iki gihe, gahunda za orudinateri z'ibyangombwa biranga umuntu zikoresheje imyitwarire n'ibinyabuzima bye ziri gukorwa vuba kandi zatangiye kwakiranwa ubushake muri sosiyete yacu. Utwuma duto twa orudinateri, dukoresheje iterambere rya RFID (Irangamuntu rikoresha Frequence za Radiyo), twarangijwe gushyirwa mu bikoresho by'ikoranabuhanga, mu bigurishwa, amatungo, ndetse n'abantu. Ibi si imigani y'ubumenyi bwejo – biri kubaho uyu munsi.

Mu bice byinshi by'isi, akuma gashyirwa mu mubiri RFID kakozwe no sosiyete Applied Digital Corporation's izwi ku izina (Verichip) karakoreshwa mu gufasha gutahura indwara yo kwibagirwa (Alzheimer), indwara zo mu mutwe, diyabete, ibibazo by'umutima kandi iburizamo gushimuta abantu. Mu bihe biri hafi kuza, ubu bwoko bw'akuma biochip buzemerwa mu buryo bugari kandi kazaterwa mu bantu haba mu buryo bw'irangamuntu ku giti, kwirinda, igenzura, ikurikirana, ubucuruzi, n'ukundi gukoreshwa kutaratekerezwa.

Ikibabaje ariko, utwuma biochips nkutu tubika amakuru aranga umuntu y'umwihariko kandi avamo azabikwa muri orudinateri ahakusanirizwa amakuru. Umubiri wawe uba nk'umutungo washyizweho ikimenyetso, imyitwarire yawo ikagenzurwa kandi icyo ukora cyose uzakurikiranwa. Gutera ako kuma mu mubiri bihindura umuntu mu buryo bugaragara, mu bitekerezo kandi amaherezo mu buryo bwo mu mwuka. Ibibazo bivuka kubera gukoresha iyi biochip mu bantu birenze kure kuba iby' amagambo, ubuvuzi, politike cyangwa se iby'amategeko.

Satani ari gukora mu isi kandi afite uburyo arema abantu na sosiyete kugirango agere ku ntego ze. Wabimenya, utabimenya, antikristo azahata abantu ngo bakurikire kandi bubahe gahunda isa naho iri munyungu nziza zabo, ariko dukurikije imyimerere y'amateka ya kera y'abantu n'ukugomera Imana kwa muntu, izazana umubabaro no guteseka kugeza ubwo Kristo yongeye akaza.

"…[satani] iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho. Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramya bose." (Ibyah 13:14-15)

Igihe kiraje ubwo sosiyete n'ubuzima bizayoborwa na gahunda isa n'iy'ubushake bwa muntu ariko aho umuntu acungwa, akigwa, agapimwa kandi agahabwa agaciro na orudinateri. Muri ibyo bihe, umuntu wese wanze kwemera iyi gahunda azishinyagurirwa nyuma yicwe urubozo.

IREMWA RYA SOSIYETE IMWE KU ISI YOSE

Turi kwerekeza muri sosiyete imwe ku isi yose, aho abantu bo mu nzego zose zitandukanye bashobora gushyikira ikintu icyo aricyo cyose, igihe icyo aricyo cyose, ahantu aho ariho hose. Ibi bikorwa twibwirako tuzarushaho kuba neza, mu mahoro, mu buryo bworoshye, mu bukungu kandi mu buzima buryoshye dukoresha ikoranabuhanga mu mibereho ya buri munsi. Muri sosiyete irarikiye ubuyobozi bw'umutungo bwikora, itumanaho n'umutekano by'ako kanya. Ntituri kure yuko utwuma dukoresha RFID tuzaterwa mu mubiri, hanyuma tukanasimbura amafaranga yo yibwa mu buryo bworoshye, agatakara cyangwa agahishwa. Mu bihe biza bya hafi:

1) Abantu bose bazasabwa kugira akuma biochip. Ibikorwa byose by'ubucungamari bizakoresha iyi chip bityo izasimbura amafranga akoreshwa uyu munsi.
2) Hazabaho ukuvogerwa, nta banga mu buzima bwite kandi kugira umudendezo ntibizongera kubaho
3) Umuyobozi ufite impano yo kuvuga aryoshyaryoshya abantu, ari we antikristo, azategeka isi yose akoresheje uburyo bukomatanyije kandi bwihagije.

IKIMENYETSO CY'INYAMASWA MU MUBIRI W'UMUNTU, NTITUGOMBA KUGIFATA. (IBYAH 14:9, 11; 16:2)

1) Kwakira iki kimenyetso ni igikorwa ntahindurwa cyo kugurisha ubugingo bwawe kuri satani. Iki cyaha ntikibabarirwa kandi nticyavanwaho no guhanagura ikimenyetso ku mubiri (Ibyah 14:9-11). Ubugingo bwawe n'ubw'Imana. Bityo niwakira iki kimenyetso, uzaba ubaye uwa satani.

2) Nufata iki kimenyetso, uzaba ushyize ukwizera kwawe mu muntu aho kugushyira mu Mana. Uzaba uhisemo n'imbaraga zawe kubaho udafite Imana yo ishaka kubana nawe iteka mu ijuru. Imana ntishaka ko uhitamo inzira yo mu muriro. Imana yari izi ibi bintu kera kose, kuko idukunda kandi ishaka ko tumenya ibi, byaduhishuriwe biciye mu byanditswe n'intumwa Yohana mu Byahishuwe mu myaka ya 100 AD. Niba udatwawe mu ijuru ukaba usigaye inyuma mu kaga, ntugomba kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa kabone nubwo wakwicwa urubozo kuko wanze ibikorwa by'ibihano bya guverinoma ya satani.

WABA WARAKIRIYE YESU NK'UMUKIZA WAWE?

Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana. (Abaroma 3:23)

Amafaranga si byose. Umuntu ntashobora kuza ku Mana yizera ibindi bigirwamana, imyitwarire, igitsure, cyangwa ibikorwa byiza. Kugira umubano bwite na Yesu Kristo gusa nibyo bituma ushobora guhagarara uri umukiranutsi imbere y'Imana yera mu mperuka z'amateka ya muntu. Ni kubw'iyi mpamvu Yesu yababarijwe ku musaraba, akamena amaraso ye, agapfa, kandi akazuka mu bapfuye. Ibi byakozwe mu kwerekana ubushake bw'Imana, ubushobozi, n'ubwiza byayo mu kudukiza icyaha n'urupfu.

"Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo; nta wujya kwa Data ntamujyanye." (Yohana 14:6)

(Abaroma 10:9-10) *"Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, 10 Kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ariko yatuza agakizwa."*

Ugomba Kwizera Yesu kandi ukemerako yapfiriye ibyaha byawe. Yesu aragukunda.

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.(Yohana 3:16) Menyako uri umunyabyaha kandi ugomba gusenga mu Kwizera. Ugomba kwakira Yesu nk'Umukiza Wawe. **Ni ukuri hari Ijuru n'Umuriro. Yesu Kristo ni we nzira yonyine igana mu Ijuru.**

Yesu araza vuba, ITEGURE UKUZAMURWA KW'ITORERO

*Yesu waducunguye ku bw'umusaraba azategura umwanya kandi azagaruka kubana natwe. Yarabidusezeranije. (Yohana 14:3).*Ukuzamurwa kw'itorero kuzabaho mbere y'ibihe by'Akaga Gakomeye (Ibyahi 3:10). Yesu yaravuze ati "*Muzi kugenzura ijuru uko risa, ariko munanirwa kugenzura ibimenyesto by'bihe*" (*Mat 16:3; Luka 12:56*)

BAKUNDWA MWESE, ABERA MURI YESU KRISTO

Ugutwara kw'itorero kwabikiwe abo bera bazatwarwa mu kirere bumvise umuhamagaro w'impanda y'Imana. Abera bazatwarwa bazazamurwa mu kirere guhura na Yesu mu bicu (1 Tes 4:16-17). Ugutwarwa kw'itorero kwagenewe abo bera bambara ibishura byera. Imibiri yabo izahindurwa mo imibiri myiza kandi bazaba abanezeza Uwiteka, (Ibyah 19:7-8).

Nuguma mu Kwizera kw'akazuyazi, Yesu azakuruka, bityo ntugomba kuba ubu bwoko bw'abizera (Ibyah 3:16). Ukuza kwa mbere kwa Yesu kwari ukuzana agakiza, ariko azagaruka guhura n'Abiteguye kandi bategereje mu bicu impanda nivuga, aribyo Ugutwarwa kw'Itorero. Umwami Yesu azatwara abana be hamwe nawe mu ijuru. Kw'iherezo ry'ako kaga ku isi, azagaruka ku isi n'abatwawe hamwe nawe mu ijuru bajye muri Yerusaremu Nshya. ibi bizitwa Ihindukira rya Kristo (Ukuza kwa kabiri). Ibyiringiro byacu ni iki, cyangwa ibyishimo, cyangwa ikamba ryo kwirata? Si mwebwe se mu maso y'Umwami wacu Yesu, ubwo azaza?

Ubwo Yesu azagaruka, abera batwawe mu izamuka ry'itorero bonyine nibo bazerekanwa ku ntebe y'ubwiza (1 Kor 15:49-55). Nubwo tutazi umunsi n'isaha w'ukuza kwe, abana b'umucyo ntibari mu mw'ijima ngo uwo munsi ubatungure nk'umujura (1 Tes 5:4-5). Ntimukabe abizera b'akazuyazi cyangwa ntimugasinzire ahubwo mukanguke kandi musenge, (1 Tes 5:1-4). Nuko ibuka ibyo wakiriye n'ibyo wumvise, ubyitondere kandi wihane. Ariko rero nutaba maso nzaza nk'umujura, nawe ntuzamenye igihe nzagutungurira, (Ibyah 3:3). Ab'ukwizera b'akazuyazi, abaziritswe ku isi, n'abatazi Yesu bazasigara inyuma mu Kaga Gakomeye. Akaga Gakomeye n'ibihe by'ukurimbuka bikabije bitarabaho mu mateka yose ya muntu. Abazasigara inyuma mu Kaga Gakomeye ntibagomba kwakira akuma biochip (gafite izina rya satani) mu mubiri wabo (mu gahanga cyangwa mu kiganza cy'iburyo; Ibyah 13:16; 20:4) yewe kugeza no ku rupfu. (Abakristo baziyahura bazagira ubuzima buhoraho mu muriro. Mu kwanga aka kuma, uzashinyagurirwa hanyuma wicwe urubozo. Ku batizera (abatari Abakristo), ntugomba gusa kwanga akuma ahubwo uzagomba no kwakira Yesu no kwatura n'akanwa, wakire Yesu nk'Umwami n'Umukiza wawe, wake imbabazi z'ibyaha kandi wizere mu mutima wawe ko ari Umwana w'Imana kandi yadupfiriye. Amina.